# IBIRORI BYO GUHIMBAZA YUBILE Y'IMYAKA 25 YA PARUWASI YA RUSUSA

Ku wa gatandatu tariki 11/06/2016, Paruwasi ya Rususa yizihije yubile y'imyaka 25 imaze ishinzwe. Ibyo birori byari byitabiriwe na Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, Umushumba wa Diyosezi ya Nyundo, abasaseridoti, abihayimana, abayobozi b'inzego bwite za Leta mu rwego rw'intara y'iburengerazuba n'akarere ka Ngororero iyo Paruwasi ibarizwamo.

Mu ntangiriro z'Igitambo cya Misa, umukristu umwe yabanje kubwira abari aho incamake y'amateka ya paruwasi ya Rususa. Yavuze ko iyo paruwasi yatangijwe tariki 03/2/1991 na Musenyeri Wenceslas KALIBUSHI, ihabwa abapadiri babiri ari bo Padiri Paul KESENE wari Padiri mukuru na padiri Prosper NTIYAMIRA wari padiri wungirije ikaba yararagijwe Nyina wa Jambo. Iyi paruwasi ifite abakristu 29.027 ikaba igizwe na centrales 5. Ihura na paruwasi Nyabinoni na Kibangu za Diyosezi ya Kabgayi, naho muri Diyosezi ya Nyundo igakora kuri Paruwasi Muramba, Gatovu na Muhororo. Abapadiri bayivukamo ni4, abayikoreramo ubutumwa ni 4, ubu ifite Ingo z'abihayimana 3.

Mu nyigisho ye, Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA yagize ati : Mwese abakristu ba rususa n'abashyitsi, abahimbaza yubile bose n'abapadiri bahakoreye ubutumwa cyane padiri mukuru, abo babana n'abihayimana mugire yubile nziza ! Yubile nziza ku bapadiri bari muri yubile padiri Prosper NTIYAMIRA, Padiri Tuyishime Jean Baptiste na padiri Barthazal HABIMANA, Umupadiri wa mbere wa Rususa ukorera ubutumwa mu burayi.

Iyo umuntu ahimbaza yubile aba ashimira Imana. Imyaka 25, 50, 75 cyangwa 100 ni imyaka ifite icyo ivuze. Uhimbaza yubile asubiza amaso inyuma akareba icyo yagezeho. Rususa mu myaka 25 ifite byinshi yagezeho. Umuhanuzi sofoniya ati : rangurura ijwi wishime. Rususa niyo ibwirwa. Umuhanuzi ati : Umwami akurimo rwagati ntuzongera gutinya. Uyu munsi Uhoraho akurimo rwagati. Paruwasi ya Rususa na yo yahuye na Jenoside yakorewe abatutsi mu mwaka w’1994 ; ibyayibayemo byabaye no mu Rwanda yari imaze imyaka itatu ishinzwe irahungabana ariko ntiyatembagaye. Ubu irahagaze kandi irashimira Imana. Mu guhimbaza iyi yubile urukundo turugire impamba izaduherekeza ikatugeza kuri yubile h'umyaka 50 tuzahurire hamwe dushimire Imana. Iyi yubile tuyihimbaje turi muri yubile y'Impuhwe z'Imana. Pawulo mutagatifu arabwira abanyefezi ko Umwana w'Imana yabasenderejemo imigisha arabibibutsa ngo bamenye ko

bambaye ikirezi. Na Rususa arayibwira ko Yezu bari kumwe ni akanya tubonye ko gusubiza amaso inyuma nk’uko umuhinzi abigenza agira ngo arebe niba intabire imeze neza. Barasabwa kureba uko umubano wabo n'Imana n'uwa bagenzi babo uko uhagaze buri wese akisuzuma uko yuzuza inshingano ze. Ivanjili ya Yohani iti : ndi umuzabibu naho Data akaba umuhinzi ; amasakaramentu twahawe ni ukugira ngo tube amashami meza kandi ishami ribi bararitema.

Tudashamikiye kuri Kristu ntabwo twakwera imbuto nziza cyane cyane abakuru bakerera imbuto nziza abakiri bato. Uyu munsi twakwishimira ko hari urubyiruko rwinshi rwaje kwizihiza yubile. Yezu ati : nimumbamo n'amagambo yanjye akababamo icyo muzasaba data cyose azakibaha. Imbuto nyagasani adushakaho ni urukundo n’umutima mwiza. Muri uyu munsi mukuru tugire igenamigambi guhera ku muntu ku giti cye, umuryangoremezo kugeza ku rwego rwa paruwasi igenamigambi mu rukundo no mu bukristu. Yasoje ashimira abapadiri ba mbere bahinze umushike none kuri uyu munsi turi gusoroma imbuto babibye

Hakurikiyeho abahimbaza yubile y'imyaka 25, 50 na 75 babatijwe banashyingiwe. Basubiye mu masezerano bagiranye n'Imana banahabwa impano bagebewe bazambikwa n'Umwepiskopi afatanije n’abapadiri bari muri yubile y’imyaka 25 bahawe Isakaramentu ry’Ubusaseridoti.

Padiri mukuru wa paruwasi ya Rususa padiri NGOMANZIZA Léonidas, mu ijambo rye arashimira Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA wemeye kuza kwifatanya na Rususa, aramusezeranya ko azamusabira arashimira kandi ubuyobozi bukomeje kwitangira abaturage arabasezeranya ubufatanye n'isengesho. Yashimiye abakristu ba Rususa umutima mwiza bafite.

Padiri Prosper NTIYAMIRA Yavuze ko we ubwe n'abandi bafite yubile y'imyaka 25 basubije amaso inyuma bishimira ibyiza byose Imana yabakoreye baboneraho gufata ingamba z'ibyo batabashije kuzuza neza. Aravuga ko afitanye na Rususa igihango gikomeye nka paruwasi yatangiriyemo ubutumwa arazirikana na padiri babanye bwa mbere ko yamurebeyeho byinshi byiza. Gukorera umuzabibu kugira ngo were imbuto nyinshi ntibyari byoroshye kuko hari amashami ataratanze imbuto. Yoherezwa rususa yari azi ngororero nk'ahantu hari abantu bamwe batari beza kuko hari amashami ataratanze imbuto nziza ariko hari menshi yeze imbuto nziza arasaba ko ameza yakomeza gutanga imbuto nziza.

Mu ijambo rye, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'intara Bwana Jabo Paul Yashyikirije abari aho indamutso y’umuyobozi w’Intara y’iburengerazuba ko ubutumire bashyikirijwe ari ikimenyetso gikomeye mu bufatanye bwiza ibi birori bikaba bigaragaza imirimo myinshi myiza yakozwe n'intimwa z'Imana. Yabwiye Musenyeri ko bishimiye ubutumwa yahawe bwo kuyobora Diyosezi ya Nyundo kuko ubwenge n'ingufu bizatuma abakristu bakomeza kujya mbere mu nzira igana Imana. Yishimiye ko hari abantu bamaze imyaka 25,50,75 bubahiriza amasezerano bagiranye n'Imana cyangwa n'abantu. Arashimira ubufatanye bwabayeho muri iyo myaka yose hagati y'inzego za kiliziya n'inzego bwite za Leta. Abagize uruhare mu itegurwa ry'uyu munsi mukuru barashimirwa. Mu masomo y'uyu munsi yazirikanye ku isomo ry'urukundo rutagira iherezo. Yasabye abo mu karere ka ngororero kuzajya bagira inama abayobozi kugira ngo babahe serivisi nziza. Yasoje ijambo rye asaba abari aho kurangwa n'urukundo.

Nyiricyubahiro Musenyeri Anaclet MWUMVANEZA, mu gusoza Aravuga ko kuri uyu munsi agize ibyumweru bitatu by'Ubwepiskopi. Rususa ni imwe mu ma paruwasi 24 agize Diyosezi ya Nyundo ihagaze neza ifite abakristu bafite ukwemera. Azakora ibishoboka byose kugira ngo paruwasi ya Rususa ikomeze imere neza mu kwemera no mu mibereho myiza. Bigaragaza ko uyu munsi wateguwe neza arashimira abitanze bose. Arashimira padiri Paul Kesene wafashe umugambi wo gushinga paruwasi n'ubwo batangiriye ku busa. Arashimira Musenyeri Wenceslas KALIBUSHI wahisemo ko iyi paruwasi ishingwa. Arabashimira ko bafashije padiri Prosper NTIYAMIRA gutangira ubutumwa neza. Arasaba abakristu gukomeza gukorana neza n'abapadiri babo. Aragaragaza ko Diyosezi ya Nyundo n'intara y'iburengerazuba bishyira hamwe mu kubaka uburezi bufite ireme. Arasaba kureka ibikorwa bigayitse by'ubusinzi n'ubunebwe, Kurwanya ubuzererezi duharanira uburere bwiza. Arashimira abateguye uyu munsi kandi buri wese akareba icyo ahakuye. Yasoje aragiza abari aho Umubyeyi Bikira Mariya.

Nyuma y’ibyo birori, Padiri mukuru wa Paruwasi ya Rususa yatambagije abashyitsi ibikorwa bishya byakozwe n’abakristu ba paruwasi ya Rususa, ibyo bikorwa birimo icyumba mberabyombi n’inzu y’amacumbi ; nyuma yo gusura izo nyubako hakurikiyeho gusangirira hamwe.

**Padiri Emmanuel BAMPORINEZA**